# 97: Nishimiye ko menye rwose

1.

Nishimiye ko menye rwose Yesu kw ar' Umukiza wanjye; Ni we wanshunguj' amaraso; Ndizera, mvuk' ubwa kabiri.

Ref:

Yambwiye ko nd' umunyabyaha, Ndihana ndizer' arankiza; Nibyo ndirimba, ni byo mvugo, Nshim' Umukiz' ubudasiba.

2.

Nditanze, ndamwiyeguriye; Binzariir' ibyishimo byinshi, Namuhay' ibyanyanduzaga, Abinkurahw amp' amahoro.

3.

Sinkir' uwanjy' arantegeka; Mpiriwe n'uko mba muri We; Njya ntegerez' ibyiza bindi Nzagirirwa n'urukundo rwe.

4.

Kubimenya ni kwiza rwose : Nd' uwa Yesu, sinshidikanya. Ushobora byos' arandinda; Nkimwizeye, nta wamunnyaga.

Visit us at indirimbo.com